REPUBULIKA Y'U RWANDA

IBIRO BYA MINISITIRI W'INTEBE

IJAMBO RYA MINISITIRI W'INTEBE, ANASTASE MUREKEZI, NYUMA Y'UMUHANGO WO KURAHIZA ABASHINJACYAHA BA GISIRIKARE

Kigali, kuwa 28/03/2017

- **Ba Nyakubahwa Baminisitiri,**
- **Nyakubahwa Umugaba Mukuru w'Ingabo,**
- **Bayobozi mwese muri hano,**
- **Bashinjacyaha ba Gisirikare mumaze kurahira n'abagize imiryango yanyu baje babaherekeje,**

1. Ndagira ngo ntangire ijambo ryanjye mbashimira mwese ko mwitabiriye uyu muhango kandi mbahe ikaze muri Primature.

2. Nshimishijwe no kuba maze kwakira indahiro z'aba Bashinjacyaha ba Gisirikare batatu aribo Capt. Vincent NDAYISABA, Capt. Chrsitian KAYITARE na Lt. Claudine MUHAWENIMANA.

3. Indahiro iyo ari yo yose iba ikomeye. Ni igihango umuntu aba ahanye n'uwo bayigiranye. Iyo indahiro ibaye hagati y'umuntu n'Igihugu, nk'iyi tumaze kugezwaho mu kanya, iyo ndahiro iba ifite umwihariko. Ni indahiro iba igiriwe Abanyarwanda twese. Iyo itatiwe rero, uyitatiye aba ahemukiye Igihugu cyose.

- **Bashinjacyaha ba Gisirikare mumaze kurahira,**

4. Mu ndahiro yanyu, mumaze kwiyemeza kuzubahiriza neza inshingano zanyu, nk'uko amategeko abiteganya. Mwiyemeje kandi kuzakorana umurava, no kutazigera na rimwe, mukoresha ububasha muhawe mu nyungu zanyu bwite. Ndabasaba kutazatatira iyi ndahiro.

5. Inshingano zanyu zirakomeye. Zigaragazwa neza n'Itegeko Ngenga N° 11/2012/OL ryo kuwa 18/01/2013 rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga N° 04/2011/OL ryo kuwa 03/10/2011 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Ubushinjacyaha Bukuru n'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare. Inshingano yanyu y'ingenzi ni ugukurikirana umuntu wese ukekwaho kuba yakoze ibikorwa bigize icyaha akaba yabikoze ari umusirikare cyangwa afatanyije n'abasirikare.

6. Mu yandi magambo, mushinzwe gushyigikira disipulini twese mu Rwanda no ku Isi yose, tuzi ko ari imwe mu ndangagaciro zikomeye, ziranga igisirikare cy'u Rwanda kuva nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994. Murasabwa rero gukora ibishoboka byose, kugira ngo muzahore mukoma mu nkokora, uwo ariwe wese, wazagaragaraho imigenzereze itajyanye na disipulini igomba guhora iranga ingabo z'u Rwanda.

7. Kugira ngo mwuzuzuze neza inshingano zanyu, murasabwa ubwanyu, guhora murangwa na disipulini hose kandi muri byose. Mugomba guhora muri Abanyarwanda b'inyangamugayo. Ubunyangamugayo bwanyu nibwo buzatuma abantu bose, yewe n'abo muzashinja ibyaha, bazabagirira icyizere, kuko bazaba bazi ko muganisha ku bucamanza butabera.

8. Ntimuzibagirwe guhora mwihugura. Umunyamategeko mwiza ni ujyana n'igihe, akamenya amategeko mashya, kandi akamenya n'amategeko yahinduwe, ndetse n'impamvu zatumye ahinduka.

9. Muzagire intego gukoresha ikoranabuhanga. Ryihutisha akazi kandi rigatuma abantu barushaho gukorera mu mucyo, ryanabafasha gutahura amayeri abanyabyaha badahwema gucura.

10. Muzakorane neza n'abo musanze mu murimo ndetse n'izindi Nzego zifite aho zihurira n'imirimo mishya Igihugu cyabashinzwe. Ibi kandi ndumva bitazabagora kuko mwese muri ba Ofisiye mu Ngabo z'u Rwanda. Ibi bivuze ko musobanukiwe neza n'umuco mwiza wo kubaha ababakuriye no gukorana neza n'abo mureshya, ndetse n'abo mukuriye.

11. Indi nama izatuma murangiza neza inshingano zanyu, ni ugukora cyane. Guverinoma y'u Rwanda ntiyifuza ko Urwego rw'Ubutabera rwagaragaramo amadosiye y'ibirarane. Iyi ni nayo mpamvu mu itegeko ribagenga, Leta yemeye ko hashyirwamo n'Abashinjacyaha bagengwa n'amasezerano y'umurimo, kugira ngo nibiba ngombwa, bajye biyambazwa bunganire Urwego rw'Ubushinjacyaha, mu gihe kiba cyagenwe n'amasezerano abagenga.

- **Ba Nyakubahwa Baminisitiri,**
- **Bayobozi b'Ingabo muri hano,**
- **Bashinjacyaha ba Gisirikare mumaze kurahira,**
- **Bayobozi mwese muri hano,**
- **Babyeyi, Nshuti, Bavandimwe,**

12. Ndagira ngo nsoreze hano iri jambo. Nongeye kwifuriza imirimo myiza Abashinjacyaha ba Gisirikare barahiriye gutunganya neza imirimo yabo uyu munsi. Nshimiye kandi n'ubuyobozi bwa MINADEF/RDF bwagize uruhare rugaragara mu kubatoranya. Mboneyeho n'umwanya wo gushimira uru Rwego rw'Umutekano muri rusange, kubera ko ruri ku isonga mu Nzego za Leta zuzuza neza inshingano zazo.

13. Nshimiye kandi namwe mwese mwaje kwitabira umuhango w'uyu munsi.

Murakoze,
Mugire amahoro y'Imana.